| | | |
|---|---|---|
| | **Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda** | Kode y'inyandiko: 41KR155I164v2 |
| | IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI | Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009 |
| TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : IMYUMBATI | | Inyandiko ikomatanyije |

| | |
|---|---|
| **Inkomoko y'inyandiko** | AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI |

| | |
|---|---|
| **Itariki inyandiko yasohokeyeho** | 2008-2009 |

| | |
|---|---|
| **Umubare w'amapagi** | 3 |

# IMYUMBATI

**1. Aho imyumbati ihingwa kandi yera neza** : itanga umusaruro mwiza mu Mayaga no mu Mirambi no mu mukenke by'iburasirazuba.

**2. Ubutaka** : ni igihingwa gikunda ubutaka buseseka, bw'isi ndende kandi buhitisha amazi.

**3. Amoko yamamazwa** : hari amoko menshi ariko atangwa n'ubushakashatsi ni aya:

* ***Mu miribwa***: Ndamirabana (TME 14), Mbakungahaze (95/NA/00063), Cyizere (192/0057), Mbagarumbise
* ***Mu bwoko bwa gitamisi***: Créolina na Gakiza

**4. Gutegura umurima**

***Imirimo isabwa ni ibiri ariyo***: kurwanya isuri no guhinga umurima.

**5. Gufumbira** :

o Bashyira toni 10-20 z'ifumbire y'imborera iboze neza bakongeramo kg 300/Ha za NPK 17.17.17 mu kaziga kazengurutse ingeri zimaze gufata.

**6. Igera mbuto**

Haterwa ingeri 10 000 kuri Ha 1 zavuye mu murima w'imyumbati itarwaye kandi year neza

Batera ingeri kuri m 1 hagati y'imirongo no kuri m 1 hagati y'ingeri n'iyindi kandi hagashyirwa ingeri imwe mu mwobo.

***Igihe cyiza cy'itera***: ni hagati y'Ukwakira n'Ugushyingo

**7. Gufata neza imyumbati mu mirima**
Nyuma y'ukwezi bamaze gutera, imyumbati igomba kubagarwa, bakayisukira imaze kugira cm 60 z'uburebure. Bongera kubagara iyo bibaye ngombwa imyumbati ifite amezi atatu.

**8. Ibyonnyi n'indwara**
Mu kurwanya ibyonnyi n'indwara, umuhinzi agomba gukoresha ubwoko bwihanganira indwara, guterera igihe akabona gukoresha imiti mvaruganda

***a) Agatagangurirwa***: ni agakoko gafite ibara ry'icyatsi kibisi bita Mononychellus tanajoa. Twangiza imyumbati mu gihe cy'izuba.
Ku mwumbati tugaragara ku mababi yo hejuru akivuka no ku mutwe w'amashami kuko horoshye.

**Ikimenyetso:**
• Amababi usanga ari icyatsi kibisi kivanzemo utubara tw'umuhondo kandi twinshi. Amababi ata ireme akagwingira ntakure, nyuma agahunguka. Ku mutwe w'amashami hasigara utubabi tumeze nk'utwana tw'inyoni. Umwumbati ugira ingingo ngufi cyane.

**Uko barwanya iyo indwara:** Gutera imyumbati yera vuba, mu gihe imvura itangiye kugwa no gutera amoko yihanganira agatagangurirwa.

***b) Indwara y'ububembe***:
Ni ndwara iterwa n'agakoko ka virusi yitwa „Cassava Mosaic Virus (CMV), iyo virusi ikwirakwizwa n'isazi bita Bemisia tabaci. Iyo ndwara ikunze kuboneka hose mu Rwanda.

**Ibimenyetso :**
Indwara itangira ikubabi kizana amabara y'umuhondo, ahasigaye ari icyatsi hakaguma gukura ugasanga ikibabi kirikunjakunja, kigapfunyarara nyuma kikagira amatwi. Iyo bikabije umwumbati ukura nabi ukagwingira.

***Uko bayirwanya***
Umuhinzi agomba kurandura buri gihe ibiti birwaye mu murima, guhingira igihe, gutera imbuto nzima kandi zindobanure kandi zihanganira iyo ndwara.
Mu murima hagomba kandi kugirira isuku imyumbati no guhinga neza kandi agakumira ingaruka ziterwa naya sazi.

**9. Igihe yerera**: imyumbati yera hagati y'amezi 18-24 kuri gitaminsi. Naho ku myumbati y'imiribwa ni hagati y'amezi 10 kugeza kuri 15.

**10. Gusarura no guhunika**:
* Umusaruro ukunze kuboneka uri hagati ya toni 20 na toni 50 z'imyumbati

kuri Ha.

* Naho mu birebana n'ihunika imyumbati iguma mu mirima ikazakurwa bibaye ngombwa cyangwa ikabikwa ahantu humutse ari imivunde yumye.